TRIBUNAL DU MWAMI.-

IKIZA RYA URUBANZA RWA MUHIRIMA NA MUNINGA, N°3373/92/148.NK.I.
RWACIWE KUWA 30/5/58.

Uraga : MUHIRIMA : Karingolera : Buberuka : Ruhengeri.-
Uregwa: MUNINGA : Karingolera : Buberuka : Ruhengeri.-

IKIREGERWA : Umulima 1.

---

Tumaze kubona urubanza n°3464/rwabereye m'urukiko rwa Intara ya Buberuka. Muninga yareze Muhirima umulima buaguze ihene n'intama ya isekurume n'amafranga 40; Muhirima yiregura avuga ko yamumwatse, ari ukumugerera, atari ukugura; akamuha ihene y'icyatamulima, kuko icyo gihe hari mu nzara; urukiko rwa Intara rukiza ko Muhirima atsinzwe, kuwa 19.8.1955. TUMAZE kubona ko Muhirima atabyemeye, ajuririra urukiko rwa Territoire, urubanza rwabo ruburanishwa ku N°2466 nabwo ikiburanwa ari umulima uguze 2000 frs, nabwo urikiko rwa Territoire rukiza ko Muhirima atsinzwe kuwa 19.9.55.- TUMAZE KUBONA KO Muhirima atabyemeye ajuririra urukiko rwa Umwami kuwa 25/10/1955, ku N° 3373/92, mugihe gitegetswe n'ingingo ya 34 y'Itegeko N°348/AIMO ryo kuwa 5/10/1943, urubanza rwabo ruburanishwa kuwa 10/5/1958. TUMAZE kumva ko Muhirima avuga ko icyamuteye agahinda akajuririra urukiko rwa Umwamiaruko urukiko rwa Territoire rwakijije ko atsinndiwe uwo mulima kandi aluwo yaguze na sewabo wa Muninga, Rusatsi; akamuha inka none Muninga akaba yarajyanye iyo nka nuwo mulima wabo bakawugumana.

TUMAZE kumva ko Muninga avuga ko uwo mulima icyo awuburanira aruko yawuguze kera na Muhirima, muli 1942; ubwo uwo mulima akawuturamo, akawuteramo n'urutoki. TUMAZE kumva ko Muhirima yivugira ko ariwe watiye Muninga, uwo mulima muri 1942, kuva ubwo kugeza ubu, akawuturamo, akawuteramo n'urutoki.- TUMAZE kumva ko Muhirima avuga ko icyo aburanira uwo mulima aruko yawuguze na Rusatsi muli 1955, akamuha inka nawe akamuha uwo mulima.
TUMAZE kumva ko Muhirima nawe yiyemerera ko ajya kugura uwo mulima na Rusatsi Muninga yarawutuyemo, yarawuteyemo n'urutoki, akivugira kandi ko bajya kubyandkisha m'urukiko, batabimenyesheje Muninga ngo amenye ko azawimukamo.

TUMAZE kubona ingingo ya 18 y'itegeko 348/AIMO, twavuze haruguru; dukurikije n'amategeko y'inkiko z'abanyarwanda, ntawuburana ikintu kirenze imyaka 10 kitaburanywe kandi uwiyita nyiracyo, araho, atakiregeye.

KUBERA IZO MPAMVU ZOSE, ABABURANYI BOMBI BAHARI, URUKIKO RWA UMWAMI :

- Rwemeje ko umulima Muhirima arega Muninga awumaranye imyaka 16, awutunze kandi yarawuteyemo n'urutoki -
- Rwemeje ko Muhirima agura na Rusatsi uwo mulima, yarasanzwe aziko Muninga awutuyemo yawuteyemo n'urutoki; ibyo bikagaragaza ko Muhirima aburana amahugu, kuko atajyaga kugura umulima Muninga awutuyemo, Muninga atabanje kumwemerera ko azawuvamo ngo babyandikishe m'urukiko, nkuko bandikishije na Rusatsi bagura uwo mulima.- RUKIJIJE KO MUHIRIMA ATSINZWE. Rutegetse ko uwo mulima uburanwa, uzagumanwa na Muninga wawutuyemo akawuteramo n'urutoki. Rutegetse ko Muhirima azatanga amafranga y'uru rubanza: 80 yo guhamagara na 40 yo kwandika na 80 y'ikiza rya urubanza, yose uko ari 200, atayatanga kuwa 30/6/1958, yafungwa iminsi 7, C.P.C. akagurwa mubye kungufu. Igarama ye iraheze. Urubanza ntiruhindutse rukijijwe nkuko rwaciwe na urukiko rwa Territoire ya Ruhengeri. Rukirijwe rutya imbere ya benshi m'urukiko rwa Umwami ruri mu Ruhengeri, kumunsi wa 30/5/1958.

Hari abacamanza:

| President-Suppléant, | Assesseurs, | Greffier, |
| --- | --- | --- |
| Sé/ NKUSI G.- | Sé/GATWA, T. na MITALI J. | Sé/ KAVUTSE M. |

Ruhengeri
3410